Mu by'ukuri Shitani yacitse intege kubera ko itazigera isengwa mu kigobe cy'abarabu, ahubwo izifashisha kubiba inzangano n'amakimbirane hagati yabo

Hadith yaturutse kwa Djabir (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Mu by'ukuri Shitani yacitse intege kubera ko itazigera isengwa mu kigobe cy'abarabu, ahubwo izifashisha kubiba inzangano n'amakimbirane hagati yabo."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze ko Ibilis (Shitani) yamaze gucika intege ko abemeramana batazigera bayisenga cyangwa se ngo bunamire ibigirwamana mu kigobe cy'abarabu, ariko iracyabyifuza ndetse n'imbaraga zayo zose, no guharanira kubiba amacakubiri. n'inzangano n'intambara hagati yabo n'ibindi.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/8886